REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NZERI 2019

10 Ukwakira 2019

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 3,1% mu kwezi gushize kwa Nzeri 2019 ugereranyije na Nzeri 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa munani (Kanama 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 2,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 3,1% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 5,9%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 5%, n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 8%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2019 na Nzeri 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 2,8%.

Wagereranya ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2019), ibiciro bikiyongeraho 0,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 2,4%

## B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Nzeri 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 5,8% ugereranyije na Nzeri 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa munani (Kanama 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 3,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 5,8% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 9,2% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 6,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2019), usanga ibiciro byarazamutseho 2,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 4,4%.

**Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)**

Mu kwezi gushize kwa Nzeri 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 4,6% ugereranyije na Nzeri 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa munani (Kanama 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 2,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 4,6% mu kwezi kwa Nzeri 2019 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 8,2% n'ibiciro by'ibyambarwa byazamutseho 7,4%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2019) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2019) ibiciro byazamutseho 1,6%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 3,8%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2018 kugeza muri Nzeri 2019.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2018 kugeza muri Nzeri 2019**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2018 09 | 10 | 11 | 12 | 2019 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 1,2 | -0,6 | 0,1 | 1,1 | 1,0 | 0,8 | 1,1 | 0,2 | 0,0 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 3,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -2,7 | -5,4 | -1,8 | -0,6 | -0,4 | -1,3 | 0,4 | -0,7 | -0,7 | 0,9 | 1,3 | 3,2 | 5,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | -1,1 | -3,4 | -1,0 | 0,1 | 0,2 | -0,4 | 0,7 | -0,3 | -0,4 | 0,9 | 1,6 | 2,8 | 4,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,2 | -0,6 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 1,1 | 0,3 | 0,9 | 0,0 | 0,0 | 0,9 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -0,3 | -1,4 | -0,6 | -1,3 | 0,0 | -0,4 | 3,1 | 1,2 | 0,8 | -0,1 | -0,2 | 2,5 | 2,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,1 | -1,0 | -0,5 | -0,8 | 0,0 | -0,1 | 2,2 | 0,9 | 0,8 | -0,1 | -0,1 | 1,8 | 1,6 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes
Email: info@statistics.gov.rw